

5/6/2018.

Ubutumwa bwa Padiri Jim .

Mucyumweru gitaha ni umunsi mukuru w'ascension bamwe muri buka ko uy'umunsi twiziza mbere ya Pasika ubundi Ascensio ni umunsi mukuru wijyanwa rya Yezu mu Ijuru . Twese duhaguruke twizihize umunsi mukuru w'umushumba wacu .Yezu niwe washinze Kiliziya Gatulika niwe yakomotseho .

Yezu niwe watoranyije Petero wari intumwa ye . Nyuma Petero yakomeje kugenda yigisha ivanjiri amahanga yose ,yaje kubaka Kiliziya ye iRoma ari naho yaje kugwa.

Petero bagiye bamutoteza kugeza bamwiciye iRoma . Yahuye n'ubuzima butari bwiza cyane kuko yabayeho yigisha ivanjiri kandi bakomeza kumutoteza mubuzima bwe bwose .

Bakristu bavandimwe umurimo wakozwe na Petero ntabwo ujereranywa kuko Petero yari indashikirwa mu mimerere ye no mumiterere ye .

Yezu wishwe abambwe azira ibyaha byacu yarangiza akabambwa nyuma akaza kuzuka kumunsi wa Pasika nyuma akaza kubonekera intumwa ze kumunsi wa Pentekositi .

Mwese mukomeze mwumvire Yezu Kristu umukiza wacu ,dukomeze twumve ijambo rye turyubahe kandi turyumve tudashidikanya . Nyagasana tubabarire ibyaha byacu .

Mwese mukomeze gushishikariza abana bose babatizwe bafate imigisha y'Imana maze ivanjiri ryogere hose ku isi . Mana habwa ikuzo ku isi no mu Ijuru .

Abashaka ku izihiza iminsi mikuru yabo bamaze bashakanye ,dore nimeru mwahamagara (513) 421-3131. www.catholiccincinnati.org. Dore ext 2621 mbere z'ukwezi kwa gatandatu italiki ya 22 mubaze Ceritifika zanyu rero. Hari Conseri izaba ni Kuwagatanu ku mugoroba hanyuma kumanywa hazaba habaye misa kumanywa dore aho wabireba www.cclconvention.com kugirango mwiandikishe hano.

Porogaramu y'abana ni abana bafite kuva kumyaka icumi kugeza kuri 12 cyangwa imyaka 13 na 18 ni kucyumweru ku italiki ya 6 z'ukwezi kwa Gatanu .

Inama y'abangavu bo kuyobora abandi ni mu kwezi kwa karindwi italiki ya 24,25,26 ni imyaka 5 kugeza kumyaka 12 na 18 . Abashaka kuyobora abandi bana

batangira gusinya. kandi turacyakeneye abadufasha mu gutanga ibiribwa , mu mikino ,ubugeni n'ubukorikori . Mbese muribyose ubwo ababishaka mwatubwira.

mwese mugire amahoro ya nyagasani .

